REPUBULIKA Y'U RWANDA
MINISITERI Y'URUBYIRUKO, SIPORO
UMUCO NO KWIGISHA IMYUGA ICIRIRITSE
B.P. 1044 KIGALI.

# POLITIKI Y'IGIHUGU

# K'URUBYIRUKO

KIGALI,05/11/1998.

# IBIKUBIYE MURI IYI NYANDIKO.


I. IJAMBO RY'IBANZE

II. INTERURO

III. IBIBAZO BYUGARIJE URUBYIRUKO

IV. VISION

V. INTEGO

VI. INGAMBA

VII. POLICY INSTRUMENTS

VIII. IMPLEMENTATION PLAN

IX. UMWANZURO.

## I. IJAMBO RY'IBANZE

Iyi Politiki y'Urubyiruko ishingiye ku bitekerezo binyuranye by'abita by'umwihariko kw'iterambere ry'Urubyiruko. Mu buryo iyo Politiki isobanura, irafata urubyiruko mu Rwanda ko ari abafite imyaka hagati ya 14 na 35.

Urubyiruko n'Imbaraga n'amizero y'Igihugu ; iyo rurezwe neza, rugafatwa neza rugira uruhare runini mu guteza igihugu imbere. Ariko rutitaweho cyangwa rukigishwa nabi rushobora gushyira igihugu mu kangaratere, nkuko byagaragaye mw'itsembabwoko n'Itsembatsemba byabaye mu Rwanda.

Iyi Politiki igamije gufasha Urubyiruko gukemura ibibazo birubangamira. Urugero: Ubujiji, Ubukene, Ubumenyi buke mu by'ikoranabuhanga, ubushomeri, iyongera ry'umubare w'abaturage, indwara z'ibyorezo nka SIDA n'ibindi, bigatuma rushobora kugira uruhare mu majyambere y'igihugu.

Iyi Politiki yerekana gahunda ihamye igomba gufasha Urubyiruko kugera kubyo rwifuza no kugira uruhare rugaragara mu gukemura ibibazo birureba.

Dr. Jacques BIHOZAGARA
Minisiteri y'Urubyiruko, Siporo,
Umuco no Kwigisha Imyuga iciriritse.

## II. INTERURO.

Urubyiruko rw'U Rwanda rwagize umwanya guhindagurika mu mateka y'igihugu uhereye mu gihe cya mbere y'ubukoloni na nyuma.

Mbere y'ubukoloni urubyiruko rwakoreraga mu matorero aho rwatozwaga umuco, imyifatire myiza n'uburere mboneragihugu. Ibyo byaje kuvanwaho mu gihe acy'ubukoloni aho abakoroji baje barwanya matorero y'abanyarwanda ibigisha amacakubiri ubwo urubyiruko rutangira gukoreshwa imirimo y'uburetwa nko guhinga icyayi, ikawa n'ibindi bifasha inganda n'umutungo w'abakoloni gutera imbere.

Igihe cya Repubulika ya mbere n'iya kabiri, iyo gahunda mbi y'abakoloni k'rubyiruko yarakomeje, Politiki y'amacakubiri irashimangirwa kugeza n'igihe rwakoreshejwe mw'itsembabwoko n'itsembatsemba. Hari n'urundi rubyiruko rwagize uruhare mu guhagarika itsembabwoko n'itsembatsemba ryabaye mu Rwanda.

Niyo mpamvu Leta y'Ubumwe bw'abanyarwanda igamije kuvugurura Politiki mbi yaranze Urubyiruko kuva mu gihe cy'Ubukoloni. Intego z'iyi Politiki zikubiye muri iyi nyandiko.

## III. IBIBAZI BYUGARIJE URUBYIRUKO.

Hakurikijwe ubushakashatsi bwakozwe m'Ugushyingo umwaka wa 1996, urubyiruko rw'abanyarwanda rugize 33 %. Ibi birerekana ko urubyiruko rugize umubare munini w'igihugu ari nabyo bigomba gutuma rwitabwaho. Kuba hatarabayeho uburyo bwo kuyobora urubyiruko, byatumye nta gahunda inoze ibaho yagirira urubyiruko akamaro, kandi ntirwigeze rukangurirwa kwitabira gushaka umuti w'ibibazo byarwo nk'ibi bikurikira :

A) Ibijyanye n'Uburezi n'Imyigishirize.

1. Kutiga cyangwa kwigishwa nabi.
2. Uburere buke, Uburara, Ububandi, Ubwicanyi/n'ibindi...

B) Ibijyanye n'ubuzima n'imibereho.

1. Ibibazo by'imiturire.
2. Ubushomieri, Uburaya, kubyara ibinyendaro no gushyingirwa bakakuze.
3. Indwara z'ibyorezo nka Sida n'izindi.

C) <u>Ibijyanye n'ubukungu.</u>

1. Ubumenyi buke mu by'ikoranabuhanga, imyuga n'ubukorikori.
2. Kutitabira umurimo n'ibikorwa byongera umusaruro.

D) <u>Ibijyanye na Politiki n'uburere mboneragihugu.</u>

1. Kutagira uruhare mu gushakira umuti ibibazo byarwo n'iby'igihugu muri rusange.
2. Ubusinzi, kunywa itabi, n'ibindi biyobya bwenge.
3. Kutamenya uburenganzira bwabo n'inshingano bafite ku gihugu.
4. Guta umuco nyarwanda.

## IV. <u>VISION.</u>

Iyi politiki igamije kugira urubyiruko :

1. Rukunda igihugu, rugakurikiranira hafi ubuzima bwacyo no kucyitangira.
2. Ruzira umuze.
3. Rukora, rwongera umusaruro.
4. Rujijutse.
5. Iyi Politiki iragaragaza ibikorwa bigomba kuba byagezweho mu mwaka 2005.

## V. <u>INTEGO.</u> <u>OBJECTIVES.</u>

1. Gufasha urubyiruko kwikemurira ibibazo byarwo.
2. Guha urubyiruko urubuga rwo gutangiramo ibitekerezo.
3. Kurengera no kurinda urubyiruko ihohoterwa iryariryo ryose, no kurukangurira kwirinda indwara z'ibyorezo nka SIDA n'izindi...
4. Gutegura urubyiruko rubereye igihugu.
5. Guha urubyiruko amahirwe angana mu burezi no mu mibereho

rusange.

6. Kurwanya ibishora urubyiruko mu burara n'izindi ngeso mbi.
7. Kwimakaza umuco w'amahoro no kuba intangarugero mu kubungabunga umutekano w'igihugu.
8. Kuba umusembura w'ubumwe n'ubwiyunge bw'abanyarwanda.
9. Gushyiraho gahunda yo kwigisha sports n'ibindi byafasha urubyiruko kwidagadura.

10. Gushyiraho gahunda ina buri wese, hakurikije ubushobozi bwe, kwiga ibyo ashoboye kugira ngo agire ubumenyi bwo guteza imbere ubukungu bw'igihugu.

## VI. INGAMBA (Strategies)

1. Kuvugurura amategeko abangamiye urubyiruko.
2. Gushinga inzego z'urubyiruko.
3. Gushishikariza urubyiruko kwitabira kubungabunga umutekano w'igihugu.
4. Kongera ubushobozi, kwagura amashuli no gushinga andi atariho.
5. Kuvugurura imyigishirize n'inyigisho kugira ngo hakemurwe ibibazo by'igihugu.
6. Gutegura ibikorwa n'amahugurwa bigamije guha urubyiruko uburere mboneragihugu.
7. Gufasha urubyiruko gushytiraho amashyirahamwe yongera umusaruro.
8. Gukangurira urubyiruko kwirinda indwara z'ibyorezo, cyane cyane SIDA, ibiyobyabwenge n'ibindi.
9. Gushyiraho ibigo ngororamuco no gukangurira urubyiruko ibikorwa mboneza muco, imyidagaduro n'imikino.

## VII. POLICI INSTRUMENTS.

1. National Youth Council
2. Amategeko
3. Amakoperative y'urubyiruko.
4. Ibigo byigisha imyuga iciriritse.
5. Kubugurura imyigishirize, kuvugurura amasomo no kwagura amashuri.
6. Ibigo Ngororamuco.
7. Gahunda ihamye y'imilimo n'imyidagaduro.
8. Gahunda ihamye yo gukangurira urubyiruko kwirinda indwara z'ibyorezo nka SIDA n'ibindi.

9. Gahunda ihamye yo gushishikariza urubyiruko kwitabira ibikorwa byo kubungabunga umutekano.
10. Gahunda ihamye, ihoraho yo kurwanya ubujiji.

## VIII. IMPLEMENTATION PLAN.

**A. Year 99-2000**

1. National Youth Council ifite Programme ihamye.
2. Amategeko avuguruye.
3. Gahunda ihamye yerekana mobilisation yo gukangurira urubyiruko kwirinda indwara za kirimbuzi.
4. Gahunda ihamye yo gukangurira urubyiruko ibikorwa byo kongera umusaruro.
5. Gutangira gahunda ihoraho yo gushishikariza urubyiruko akamaro ka cooperatives.
6. gahunda ihamye yo gukangurira urubyiruko [illegible]

**B. Year 2000-2002**

1. Kuba urubyiruko rumaze kumva neza no gukoresha inzego (Youth Structure).
2. Kuba imyigishirize imaze kuvugururwa n'amasomo.
3. Gukomeza gahunda A 3, & 4.
4. Kuba nibura buri Komine ifite cooperative ihuza ingufu zarwo.
5. Gukomeza gahunda yo kurwanya ubujiji.

[illegible] by'Afrika cyane cyane [illegible]

**C. Year 2002-2005**

1. Kuba nibura dufite ibigo ngororamuco bibiri (2).
2. Kuba nibura buri Perefegitura ifite ikigo cyigisha imyuga iciriritse (Technical institute).
3. Kuba urubyiruko rumaze kwiyubakira ibiro by'ikicaro gikuru cyarwo (Head Quinters).
4. Kuba 60% b'urubyiruko rw'abakobwa bose bajya mw'ishuli.
5. Kuba 70% b'urubyiruko rufite imyaka yo kuba rwiga ruzi gusoma no kwandika.
6. Gukomeza gahunda B3, 4 & 5.
7. Kuba hari impuza ma cooperatives y'urubyiruko yakira igashaka n'isoko ry'ibiva mu musaruro w'urubyiruko cyane

cyane ibyo batashoboye kubonera isoko aho batuye.

## VII. UMWANZURO.

Amateka y'Urwanda kuva igihe cy'Abakoloni na Repubulika zombi, Urubyiruko rwigishijwe amacakubiri kandi rukoreshwa nabi kugeza ubwo rwagize uruhare rugaragara mw'itsembabwoko n'itsembatsemba, niyo mpamvu Leta y'Ubumwe bw'Abanyarwanda ifite inshingano yo gushyiraho politiki igamije guha urubyiruko umurongo uboneye.

Urubyiruko nirwo rufite ingufu, akaba riyo mpamvu rutojwe umuco n'Uburere mboneragihugu, rwakura igihugu cyacu mu kaga.

# *Calendrier de formation en SRA*

## *PERIODE DU 15/3 AU 24/3/1999*

| *HEURE/DATE* | **J1 15/03/99** | **J2 16/3** | **J3 17/3** | **J4 18/3** | **J5 19/3** |
|---|---|---|---|---|---|
| 8h à 10h | • Ouverture<br>• Attentes<br>• Présentation | • Aspects psychosociaux<br>• Adolescents et Drogues<br>**Dr RURANGWA Eugène** | • Concept de la P.F<br>• Les grossesses à haut Risques<br>• Les problèmes liés à la non pratique de la P.F<br>• Les avantages de la P.F<br>• Les obstacles à la P.F<br>**Dr MUGABO Marie** | Les MST<br>**Dr RURANGWA Eugène** | • Concept IEC<br>- Définition<br>- Rôle de l'IEC<br>- IEC et le change ment de comportement<br>**Mr SEMPABWA Emile** |
| 10h-10h15' | P | A | U | S | E |
| 10h15 à 12h30' | • Concept de la SRA<br>**Mr SEMPABWA Emile** | Organes génitaux de l'homme et de la femme<br>**Dr MUGABO Marie** | • Les méthodes contraceptives :<br>- MAO<br>- Barrière<br>- Hormonales<br>**Mr SEMPABWA Emile** | VIH/SIDA<br>Films MST<br>**Mr MUDAKIKWA J. Marie** | But et processus de communication<br>• Types et canaux de communication<br>**Mr SEMPABWA Emile** |
| 12h30 à 14h | P | A | U | S | E |
| 14h à 15h | • L'Adolescence<br>• Aspects biologiques<br>**Dr RURANGWA Eugène** | • Le cycle Menstruel<br>**Dr MUGABO Marie** | • Méthodes contraceptives chez l'adolescent<br>• ~~Méthodes~~ - ~~Mécaniques~~<br>• ~~Méthodes~~ – ~~Chirurgicales~~<br>**Mr SEMPABWA Emile** | Films MST/SIDA<br>**Mr MUDAKIKWA J . Marie** | • Obstacles à la communication<br>• Qualité d'une bonne Communication<br>**Mr MUDAKIKWA J . Marie** |
| **15h à 15h15** | **P** | **A** | **U** | **S** | **E** |
| 15H15 à 17h | • Changement physi que pendant la puberté<br>**Dr RURANGWA Eugène** | • Fécondation et condition d'une grossesse<br>**Dr MUGABO Marie** | Elaboration des messages en SR(MST/SIDA-Grossesse non désirée) | Messages en SR/ (suite) | Messages en SR/ (suite) |